GUFATANYA

Ni ubuswa cyane gusinya urupapuro rwa mugenzi wawe, maze ukisanga wishyura umwenda we.

IHAME RY' ICYUMWERU

Iri hame ryumvikana nkaho rikomeye kumva kuko twese twatojwe gufasha ababikeneye. Maze bigakomera cyane iyo ari insuti yawe magara igusabye kuyigoboka. Amabanki ni ibigo by' imari byashyiriweho gufasha abantu bakeneye amafaranga; niko kazi kabo. Mu gihe banki yanze gutanga inguzanyo cyangwa umuryango we wanze kumufasha, aho rero biba byiza iyo natwe tutabyivanzemo. Iyo uwo muntu yakoresheje nabi umutungo we, ese ni impamvu ki twamufasha maze tukazitirwa mu kibazo cye? Guhakana rero bitera wa muntu guhangana ni bibazo bye ni uko agashaka ubufasha akeneye koko. Niba umuntu adafite ubudakemwa bwo guhabwa inguzanyo. Bityo rero byaba byiza tudafatanyije nawe mu gatabo ka banki.

Kudafatanya agatabo/ sheke ni ihame ryagaragaye akenshi ko rikora neza haba mu buryo bufatika ndetse no mu mibanire. Iyo uwo mufatanyije konti agomba kwishyura ideni ry' umuntu, ubucuti burahagwa maze uwananiwe kwishyura ibyo bamugomba agakorwa n' ikimwaro maze agahitamo guhunga. Gufatanya konti rero byica amahame menshi adusaba gukoresha ibyiyumviro byacu. Icya mbere na mbere,buri wese agomba kwirengera ideni rye. Akenshi, umuntu usaba gufatanya akunze kuba arangwa n' uburiganya cyangwa se ari we nyambere kuri konti, umuryango cyangwa n' abandi; naho ubundi ntibyakabaye bimubaho. Iyo tutayoboye imishinga yacu neza, amaherezo dutakaza nibyo twari dufite. Mu gihe ushaka kugira ubucuti burambye, ntuzafatanye nabo konti. Usibye ko hari aho byakorwa; gusa kandi uzahura ni igihombo. Hari ibintu twagenderaho mbere yuko dufatanya umwenda / ideni afitiye banki . Ese uwo muntu azwi ate? Uwo muntu se ni inyangamugayo kandi afite kamere nziza?

Ni cyo uyu muntu akeneye cyangwa yifuza? Ese uyu muntu yari asanzwe yifashije? Ese ni kuki umuryango we utamufasha? Niba mu byukuri twizera uyu muvandimwe ufite ikibazo, dushobora kumugirira ubuntu maze tukamuha impano y'amafaranga, zirikana kandi ko umugiriye inama kugira ngo yikure mu kibazo, bitihise byaba ari uguta inyuma ya huye. Ibi byukuba ubucuti burambye aho kwishyura ideni maze ubucuti bugasenyuka. Mbere yo gufatanya konti n'umuntu , banza ubiganireho n' umuryango wawe ndetse n' inshuti. Umubare wa mafaranga washyizeho umukono ntugomba kuzahungabanya umuryango wawe mu gihe bibaye ngombwa ko wishyura iyo nguzanyo.

INYUNGU

1. Mu gihe twanze gufatanya konti dushobora kuba twifashije. Icyo gihe dukenera impamvu zaduteye kubyanga ariko nyamara bituma babona ibintu mu buryo butandukanye. Dushobora umubano urambye aho gutakaza inshuti mu gihe yananiwe kwishyura.

2. Iyo tubahaye amafaranga nk' impano ntagahato ko kuzishyura ibyo twabahaye, biduha uburyo tubegera maze bakatwumva bityo tukaboneraho tukabagira inama, no kubafasha gufata ibyemezo bitandukanye byo kugera aho bifuza.

Inzira ni mikorere y' GUFATANYA

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Abagize umuryango bagomba gufata iya mbere bagatoza abawurimo gushyira inyungu z' umuryango imbere.
2. Ibikenewe n' ibyifuzwa bigomba gukorwa gusa mu gihe twamaze kwikenura ibyibanze.
3. Umuryango ugomba gufashanya mu gihe havutse ikibazo gikomeye.
4. Inguzanyo ya banki ntigomba gufatwa nk' igikenerwa.
5. Gisha inama inshuti n' abavandimwe mbere yuko ujya kwaka inguzanyo.
6. Gira gahunda ihamye kandi ujye wigomwa ibintu bitari iby' ibanze.
7. Toza ubuzima bwawe kwakira ibyo ushobora kubona.
8. Witinya guhakanira ishuti ishaka ko mufatanya konti, jya ushyira amanga maze usobanure impungenge zawe.

Turamutse dufashe amafaranga yo kw' isi hose maze tukayagabanya buri wese, nyuma y' imyaka icumi, abakire baguma ari abakire maze n' abakene bakaguma ari abakene. Ibi kandi tubikomora ku myifatire y' abantu, uko dukoresha umutungo wacu ndetse nuko dutekereza ku mafaranga. Uko dukurikiza amahame y' isi bizaduha amahirwe kandi tuzahirwa mu buzima bwacu.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese wigeze ufatanya n' umuntu konti maze nyuma yaho urabyicuza? Kuki? Ese ubucuti bwawe bwarakomeje?
2. Ese wumvishe igitutu mu gihe bagusabye ubufatanye?
3. Iyo uza kudafatanya n' abandi byari kugutera ikiniga? Ese nibyo byari byiza kurusha kubikora?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			